**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA NYAMAGABE**
**E-mail :info@nyamagabe.gov.rw**
**Website :www.nyamagabe.gov.rw**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe, bushingiye ku ibaruwa **No 0645/REB/TDM&CGC/21 yo ku wa 24/08/2021** Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Abayobozi b'Uturere abagezaho ibikorwa by'ibanze bigomba kwihutishwa mbere y'uko umwaka w'amashuri wa 2021/22 utangira ;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe buramenyesha abarimu bifuza kwimukira mu Karere ka Nyamagabe cyangwa kwimukira ku bindi bigo by'imbere mu Karere ko basabwe gutanga dosiye zabo mu bunyamabanga bw'Akarere bitarenze ku wa...10.../....09.../2021 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00)

**Kubifuza kwimukira mu Karere ka Nyamagabe baturutse mu tundi turere, dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira :**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere akoramo ;
2. Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka w'amashuri wa 2019 ;
3. Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge ;
4. Fotokopi y'impamyabushobozi/impamyabumenyi ahemberwa ;
5. Fotokopi y'indangamuntu ;
6. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi ;
7. Icyemezo gitangwa n'Ubuyobozi bw'Akarere kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya;
8. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishaho kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mugihe yaba yimuwe ;

**Kubifuza kwimurwa basanzwe bakorera mu Karere ka Nyamagabe, dosiye isaba mutation igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira :**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe
2. Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ishuri umwarimu yigishaho
3. Fotokopi y'impamyabushobozi/impamyabumenyi ahemberwa
4. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi
5. Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka w'amashuri wa 2019 ;
6. Fotokopi y'indangamuntu ;

Bikorewe i Nyamagabe ku wa .....02...../..09....../2021

KABAYIZA LAMBERT
VICE MAYOR AFFAIRES ECONOMIQUES
NYAMAGABE DISTRICT

**UWAMAHORO Bonaventure**
Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe

AKARERE KA NYAMAGABE